# AHATANGIRWA AMAKURU

Urukiko Rwabana rufite ikiciro gitanga amakuru kuri buri wese. Hano ushobora:

- Gukoresha mudasobwa kugirango urebe amakuru ajyanye nibikenewe mu rukiko.
- Kubona ubufasha mu gushaka ibijyanye n'ikibazo cyawe.
- Kuzuza impapuro zo gushyiraho itegeko ryo kukurinda no gutanga itegeko ryo kukurinda gutotezwa, hamwe nizindi fomu zikoresha mu rukiko.

# GUTANGA IKIREGO

Niba ubona utahawe ubufasha bwururimi buhagije mu rukiko cyangwa mu gukurikiranwa bya hafi, cyangwa serivisi iyo ari yo yose yatanzwe n'urukiko, ohereza Ifomu y' ikirego kuri Serivisi z' Urukiko z' Ubufasha bw' Indimi.

Ushobora kubona iyi fomu uhamagaye CITS kuri nomero ziri hejuru cyangwa ukavana urupapuro kuri uru rubuga rw'urukiko (www.sc.pima.gov).

# INGINGO Y' INGENZI

- Soma neza kandi usobanukirwa amabaruwa yose yo m'urukiko.
- Witondere cyane amatariki yo kwitaba mu rukiko n'amatariki ntarengwa.
- Ntukirengagize impapuro zo guhamagazwa, cyangwa izindi nshingano zigenwa n'amategeko.
- Kugerera mu rukiko ku gihe.
- Kumenyekanisha numero ya terefone, n'aderesi mu rukiko igihe cyose bihindutse.
- Niba **ukeneye serivisi zo gusemurirwa cyangwa ubufasha bwibanze**, hamagara **(520) 724-2961** usabe ubufasha ukimara kumenya itariki n'isaha uzitabira mu rukiko.
- Ushaka amakuru yerekeye n'ibiciro byo gutanga ibirego, cyangwa gukurirwaho ikiguzi, hamagara Umukarani w'urukiko kuri **(520) 724-2064**.

*Inshingano z'Urukiko rw'Abana muri Kawunti ya Pima ni ukubungabunga umutekano w'abana, urubyiruko rukagororwa, kandi abaturage bakaba bafite umutekano biturutse mu gutanga ubutabera ku gihe kandi butabogamye, no gutanga serivisi zijyanye n' igihe.*



# KINYARWANDA

## KUYOBORA ABAKENERA UBUFASHA MU RUKIKO BAFITE UMUMENYI BW' ICYONGEREZA BUKE (LEP)


**Pima County Juvenile Court**
2225 East Ajo Way
Tucson, AZ 85713

**(520) 724-2000**

**www.sc.pima.gov**

## SERIVISI ZO GUSEMURA Z' URUKIKO (CITS)

## JUVENILE COURT (520) 724-2961

Serivisi zo Gusemura z' Urukiko (CITS) ziriho kugirango zirengere uburenganzira bwababakoresha inkiko bose mu buryo bunoze.

Niba ufite uruhare mu kirego kiri mu rukiko kandi ukeneye serivisi zo gusemurirwa, hamagara ibiro bya CITS kugirango utegure umusemuzi wururimi rukwiye mbere yo kwitaba urukiko:

Niba ukoresheje umusemuzi wurukiko wibuke ko akazi k'umusemuzi ari ugusobanura neza ibyavuzwe, ntacyongeweho, ntakigabanyijweho, cyangwa go hagire igihindurwa icyo aricyo cyose ku byavuzwe.

## UMUSEMUZI W'URUKIKO NTASHOBORA

- Kugira inama kubijyanye n' amategeko cyangwa inama ze ku giti cye.
- Gusubiza ibibazo bijyanye n'amategeko cyangwa inzira zemewe n'amategeko.
- Kuvugana nawe kubyerekeye ikibazo cyawe.
- Kugusobanurira icyo amagambo asobanura, cyangwa ibibera mu rukiko.
- Kugirana ikiganiro nawe, umuryango wawe, cyangwa umuntu wese ufite uruhare mubibazo byawe.

## AMATEGEKO YO KURINDWA N' AMATEGEKO YO KURWANYA KUBUZWA AMAHWEMO

Niba wowe cyangwa umwe mu bagize umuryango wawe ashobora guhura n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo rikozwe n'undi muntu wo mu muryango, uwo mwashakanye, cyangwa uwo mwari mwarashakanye, cyangwa mufitanye undi mubano wihariye, ushobora gusaba Iteka ryo Kurindwa. Amategeko yo Kurwanya Kubuzwa Amahweno ashobora gukoreshwa mu makimbirane hagati y'abaturanyi cyangwa abandi bantu.

Ifomu zo gusaba iteka ryo kurirwa zigomba kuzuzwa kumurongo kuri AZPOINT (https://azpoint.azcourts.gov).




**Mbere yo gusaba Iteka ryo Kurindwa**

Ushobora kuvugana nuwunganira abahohotewe mbere yo gutanga dosiye ugahamagara kuri **(602) 279-2900** cyangwa **(800) 782-6400**

Ugomba kujya mu rukiko rwa Arizona gutanga ubusabe bwawe. Niba umucamanza yemeye ubusabe bwawe, Iteka ryo kurindwa ryoherezwa umunsi ritangiweho. Nta kiguzi gisabwa.

**Niba ukeneye ubufasha bw'ururimi kugirango wuzuze ifomu z'urukiko, harimo n'Iteka yo kurindwa, hamagara CITS (Serivisi zo Gusemura z' Urukiko). Kuri terefone (520) 724-2961 cyangwa imeri jvcits@sc.pima.gov**